0341



K0141779

| | | |
|---|---|---|
| *IDENTIFICATION* | : | ***RTLM 0341 DU 14/03/94*** |
| *DURÉE* | : | ***60 minutes*** |
| *QUALITÉ* | : | ***Bonne*** |
| *TRANSMISSION* | : | ***Radio RTLM*** |
| *NOM DU FICHIER* | : | ***RTLM 0341*** |
| *DATE DE TRANSCRIPTION* | : | ***Le 12.10.1999*** |
| *NOM DU TRANSCRIPTEUR* | : | ***MUSHONGANONO Béatrice*** |
| *DICTAPHONE:* | : | ***BO-760/49 MODELE: 2750-6 SERIE: 516565*** |

**FACE A**

*ORATEUR: GAHIGI Gaspard*

Mu Menebe ejo bundi bafashe ubutegetsi abantu bagiye mu myigaragambyo bati "ibyo bintu imyigaragambyo nimuyibuze". Ati "ba Maneyebe" kandi ejo bundi aribo bavugaga ngo kumena ibintu ngo ni ibyo mu myigaragambyo, ngo ko kujya mu myigaragambyo arari ukujya mu Kiliziya. (Arasetse), Abanyarwanda rero bati "akebo kajya iwa Mugarura", bati "ka kandi akebo ugereyemo

mukeba niko agusubizamo". Ubwo rero abaku abakunda... ukuri, bage bagukurikiza kandi bamenye ko abantu bareshya imbere y'amategeko. (Musique...)

Natwe hano kuri RTLM ntabwo twumva impamvu abantu bavuga ko bashaka amahoro, ariko bagakomeza imigambi mibisha. Dore nko muri... Komine Bicumbi ahantu bita "i Nzige" baratubwiye i Nzige baratubwira bati "dore hari abantu b'Abatutsi bakomeje gukora amanama", ati "kandi bakoze amanama ari benshi ndetse baduhaye ni ilisite y'Abatutsi bakora amanama". Bakavuga rero bati "bakoze amanama menshi ariko ayo twababwira ni nk'ayakozwe ku wa gatanu muhijo ninjoro, tariki ya cumi n'imwe eh Werurwe mirongo cyenda na kane bayikorera aha... ku mugabo witwa KANANI Visenti. Bati "indi nama twavuga, ni iyo bakoze ku cyumweru tariki ya cumi n'eshatu Werurwe mirongo cyenda na kane yabareye kwa GATWA ku manywa noneho iza gusozerezwa n'iyabaye kwa KANANI kwa... KANANI Vincent nyine, yarangiye saa yine z'ijoro ariko ati Abanyabicumbi bati "abo bantu b'i b'i Nzige bati "twe twari maso twari twakurikiye noneho abo bantu bavuye mu nama saa yine turabakacira". Ati, "dukacira nyine uwitwa ah... KAYISHEMA Aloyizi na KAYIRANGA", bati "ariko KANANI uwo we yaraducitse". Abo bantu rero bafashwe, KAYISHEMA Aloyizi na KAYIRANGA ngo bashyikirijwe ubutegetsi bwa Komine Bicumbi. Noneho muri uko gufatwa babasangana ilisite iriho abantu bagombaga ngo kuzicisha tariki ya cumi n'eshanu. Kuri iyo liste turabonaho abamilita b'imena tuzi, turabonaho SEMANZA Lawurenti wahoze ayobora Komine Bicumbi ubu akaba ari Umudepite wa Kigali Ngali, tukabonaho RUGAMBARARA Yuvenali uyobora ubu ngubu Komine Bicumbi uyibereye Bourgoumestre, tukabonaho Konseye RUKENGERA Innocent ubu... uyobora Segiteri Nyamatete n'abandi n'abandi, ndetse tukabonaho BISANGABAGABO Joël wahoze ari Inspecteur wa Secteur scolaire ya Bicumbi, n'abandi n'abandi ibyo iyo liste rero bayifatanye abo bagabo urumva ko atari ibintu by'ibihimbano, ibyo bintu rero byo kugenda abantu bakora amaliste y'abandi baba Abahutu bakora ay'Abatutsi, baba ay'Abatutsi bakora ay'Abahutu, ibyo bintu niba uvuga ko ushaka amahoro se kuki ukora ilisite ugashyiraho abantu? Uyikorera iki? Ibyo rero akaba ari ibintu byerekana ko koko hari abantu badashaka amahoro ahubwo bategura intambara. Ariko dukunze kwibutsa ko iyo utegura intambara, ntiwibaze ko undi nawe aba atakubona ubwo rero uwuboba uwububa abonwa n'uhagaze, tukabona abantu bose bagenda bakora amaliste y'abandi bakwiye kubigendamo buhoro, mbese ukoze liste wabimenya umuntu yabimenya

akaguhitana ntiwaba uzize ubusa? Tukumva rero nako ntabwo waba uzize ubusa waba uzize icyo gikorwa nyine uba utegura. Iyo rero u... shaka kurwana umuntu ashobora kugutanga ugasanga ni wowe uhaguye. Abantu rero bakora amaliste y'abandi bashatse bakwitonda, kuko n'abandi badasinziriye bari maso wa mugani wa CDR. (Musique...)

(Inaudible) kuva muri Serire kugeza muri Komine hari abagize komite y'Interahamwe muri Perefegitura y'umujyi wa Kigali, hari abayobozi b'Interahamwe bo muri Segiteri zigize Komine KICUKIRO, hari Interahamwe zose zo muri Komine KICUKIRO hari na Comandant wa Brigade ya KICUKIRO. Ingingo yari ku murongo w'ibyigwa yari imwe. Ni kubumbatira umutekano batungira agatoki ubutegetsi abagizi ba nabi abo aribo bose. Nyuma y'ibitekerezo byatanzwe n'abantu banyuranye barimo Comandant wa Brigade ya KI ya KICUKIRO, hatanzwe ibyemezo n'ibyifuzo bikurikira: **Icya mbere**, abari mu nama bamaganye abagizi ba nabi aho bava bakagera, bifuje ko inzego zishinzwe umutekano n'iperereza zarushaho gukora akazi zishinzwe, zitahura hakiri kare abagizi ba nabi bataragera bataragera ku mugambi wabo mubi.**Icya kabiri**, abari mu nama bifuje ko Interahamwe n'abarwanashyaka barushaho kunga ubumwe, bagafataniriza hamwe mu gutahura abagizi ba nabi abo aribo bose. **Icya gatatu**, abari mu nama bongeye kwemeza ko umurwanashyaka cyangwa Interahamwe b'ukuri, ari abubahiriza intego z'ishyaka MRND arizo Ubumwe Amahoro n'Amajyambere. Udashoboye kubyubahiriza bifuje ko yasezera cyangwa yasezererwa mu ishyaka MRND. **Icya kane**, abari mu nama bifuje ko Interahamwe zigomba kurangwa nn'ikinyabupfura, zubaha uwo ariwe wese yaba umutegetsi, uwo badahuje ibitekerezo n'abandi bose. **Icya gatanu**, abari mu nama bifuje ko abakuru b'amadini batoza bamwe mu bantu babo, bavanga politike n'ijambo ry'Imana bikaba bigaragarira ku Mupadiri wa Paruwase KICUKIRO witwa PITORESI, uvangura abakirisitu a... shingiye ku moko yabo akaba atanatinya guhora asebya Umukuru w'igihugu Nyakubahwa HABYARIMANA Juvénal Président wa Repubulika y'u Rwanda, ibyo byose akabikorera mu Kiliziya imbere y'abakristu. **Icya gatandatu**, ari nacyo cya nyuma abari mu nama barangije inama bifuza ko inama nka ziriya zajya ziba kenshi, kugira ngo ibikosamye bikosorwe mbere y'igihe. Nyuma y'uko nyuma y'uko byari bimaze igihe byimurirwa ku wundi munsi, abanyamuryango bateraniye mu nama nshingamuryango yabereye kuri "CLUB RAFIKI" i Kigali, ku ya cumi n'eshatu Werurwe igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane, biyemeje gushinga Umuryango "INSHUTI Z'AMAHORO". Igitekerezo cyo kuwushinga cyaturutse ku bibazo by'inzitane u Rwanda

rufite, bishingira bishingira cyane cyane kw'ironda moko, ironda karere, ubukungu bwifashe nabi no ku mpamvu yuko bisa n'aho byitabwaho gusa iyo uburenganzira bw'ikiremwa muntu buhungabanye, kandi byaragiye bitutumba ku mugaragaro. Uwo muryango ugamije, uwo muryango ugamije ibi bikurikira: Hari... -guca intege ibyo gukoresha kiboko mu gushakira umuti imyirayane, bisubiza ibintu ibu ibubisi aho kugera ku bisubizo biboneye. **Icya kabiri**, gucengeza mu Banyarwanda akamaro k' ukwemerana mbere ya byose. Kwemera gusaranganya byose no guharanira ukuri, kuko aribyo nkingi nyayo y'amahoro arambye, kugira ngo imibanire y'Abanyarwanda mu mahoro itere imbere bityo n'amajyambere abonereho. **Icaya gatatu**, kugaragaza no kurandura impamvu zatera imyiryane. **Icya kane**, gushyigikira ubwumvikane n'ibigerwaho n'imishyikirano. Ku byerekeye amakimbirane ari hagati y'abanyapolitike, atuma inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye zidashyirwaho, n'amakuba bi n'amakuba bikururira u Rwanda, Muryango INSHUTI Z'AMAHORO uratangaza ibi bikurikira. Kuko amasezerano ya Arusha areba Abanyarwanda ubwabo bakaba aribo bagomba kuyakoresha mu byarushaho kubegeranya aho kubatanya, Umuryango INSHUTI Z'AMAHORO urasaba abanyapolitike kumva igikwiriye bakihatira kuyumvikanaho, nk'uko bashoboye kuyagirana cyane cyane ku ngingo zikurura impaka aho kugira ngo buri wese ayavugishe ibyo ashaka arangamiye inyungu ze bwite cyangwa z'igice abogamiyeho arutisha ubuzima bwa rubanda. Icya gatatu eh... icya kabiri, urasaba abanyapolitike kudakinisha kubura imirwano, kuko intambara iramutse yubuye ibintu byarushaho kudogera kubera isubiranamo ry'amoko n'uturere ryakabya ubukana. Kwihimuranaho no kwikiza ababangamiranye byabona icyuho. Ubukene mu baturage bwakwibu bwakwikuba kenshi. Ibihe bibi ibihugu byinshi duturanye birimo, ubutegetsi bujegajega n'amagambo y'abanyapolitike bashakiramo amaronko. Urasaba ubutegetsi bw'Inzibacyuho busanzweho gukora ibishoboka byose, bukagarura umutekano mu gihugu bugacukumbura kandi bukagaragaza abagizi ba nabi, aho kwitwaza ko inzego z'Inzibacyuho yaguye zitarajyaho. Inzego z'ubutegetsi zirasabwa kuzuzanya aho gushimishwa no guterana amagambo. Umuryango urasaba cyane cyane abanyapolitike kureka gusuzugura inama n'ibitekerezo binyuranye bitangwa n'Abanyarwanda b'ingeri nyinshi, ku bibazo u Rwanda rufite.

Bikorewe i Kigali, ku ya cumi n'eshatu Werurwe igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane.

Abagize ubuyobozi Ingengabikorwa a by'agateganyo, hari... KANYARUKIGA Président, hakaba... eh RUBURA Selesitine Vice-Président wa mbere, hakaba na... NZAGIBWAMI Simone Vice-Président wa kabiri ndetse na NSABIMANA Donati Umunyamabanga. Abo bose barasinye, hari n'Umubitsi MUKEZANGANGO Juvénal nawe yasinyiye itangazo ryawo.

Ku Gikongoro ku Gikongoro umushinga wa CRÊTE ZAÏRE NIL, haravugwa umwuka mubi ushingiye ku moko. Amakuru dukesha abaturage baturiye ako karere umushinga ukoreramo, a... arashinja Bwana NZAMURAMBAHO Ferederiko Ministre w'Ubuhinzi n'ubworozi kuba nyirabayazana. Ndagira ngo abo baturage babibwirire ibyo bintu ku buryo burambuye.

*ORATEUR: Non identifié*

... n'icyatubabaje ni amatangazo twabonye ba... yazanywe n'abantu... bananiwe... akazi muri CRÊTE ba birukanywe, ayo matangazo akaba yarasinyweho na Ministre w'Ubuhinzi n'ubworozi akaba na Perezida w'ishyaka ryacu PSD. Ayo matangazo a... bayamanika ku tubari aho abantu banywera amayoga, ngo Deregiteri MUTABARUKA ariwe uyobora umushinga wa CRÊTE ZAÏRE NIL muri kuri iki gihe, ngo arimuwe ngo haje umugabo witwa eh... BAKUNDUKIZE Tarisisi. Nyakubahwa Minisitiri, ukaba na Perezida w'ishyaka ryacu PSD turakumenyesha yuko BAKUNDUKIZE tumuzi kukurusha. Amatwara ye turayazi, imibereho ye yose turayizi, BAKUNDUKIZE wirirwa atuka Burugumesitire wa Komine Muko akirirwa atuka Sous-Préfet wa Sous-Perefegitura Kaduha, agatuka Préfet wa Perefegitura Gikongoro agasuzugura abaturage ndetse kugeza ubwo yavugiye mu nama i Kaduha, icyo gihe twari twaje mu nama iyobowe n'intumwa za Ministère y'Imigambi ya Leta, ndazi gira ngo badusobanurire uko tuzakorana n'umushinga PNAS. Ubwo BAKUNDUKIZE aza gufata ijambo avuga yuko ngo Abahutu batuye ku ishyamba b'Abakiga, ngo ntabwo twashobora kubara amafaranga ageze kuri miliyoni, ubwo murumva ko ako ari agasuzuguro. Kuvuga ko Umukiga atabara amafaranga ageze kuri miliyoni, none se twebwe abaturiye ishyamba rya Nyungwe ko harimwo Abakiga bafite imodoka, hari umuntu ugura imodoka iri munsi y'amafaranga miliyoni? None se niba tutazi kubara ayo mafaranga izo miliyoni twa tugura imodoka tujyana n'Umunyanduga cyangwa Umututsi kujya kutubarira amafaranga tugura izo modoka? Ibyo rero murumva ko yatangiye hakiri kare kandi ibuye ryagaragaye ntiba rikishe isuka. Nyakubahwa Ministre w'Ubuhinzi n'ubworozi, niba ugira ngo turabeshya tugusabye yuko wacisha mu kuri uka ukazaperereza ukabaza Préfet tuvuze, ukabaza Sous-Préfet wa Sous-Prefegituri Kaduha, ukabaza Burugumesitire wa Komine

Muko ndetse ukabaza n'Abakonseye bari muri inyu maya bari muri izo Segiteri z'Amakomine y'aho umushinga CRÊTE ZAÏRE-NIL ukorera, nibwo utazatinda kumva ko tukubwiza ukuri. Ikindi ni uko BAKUNDUKIZE Tarisisi wamwiyegereza ukamuha hano muri Ministère mugakorana, ubwo ntuzatinda kumenya ko twakubwije ukuri. Nyakubahwa Perezida w'ishyaka ryacu PSD, mu kiganiro gishize twahitishije kuri Radiyo RTLM twababwiraga yuko twaciwe intege n'ibyo bikorwa n'uko kurangarana ibi... ibibazo byacu kandi twabagejejeho, haba mu magambo haba no mu nyandiko. Twongeye kubasaba dukomeje yuko BAKUNDUKIZE Tarisisi mutakongera kumuhingukana ahantu hegamiye ishyamba rya kimeza, amageso ye turayazi ntabwo rero munyumve neza ntabwo turimo kumuhora ko ari Umututsi, ahubwo turamuhora imibereho ye mibi, ibitekerezo bye bi bibi, gusuzugura abategetsi bo mu nzego zo hejuru no gusuzugura abaturage nyamwinshi batuye eh batuye gu hafi y'ishyamba rya Nyungwe. Turagusabye Nyakubahwa Ministre w'Ubuhinzi n'ubworozi ko nibikomeza, mukirengagiza ibyo bibazo byacu ko iryo shyaka ritazu ritaza... bura gucikamo ibice bibiri kandi mu kugeza n'ubu ibyo bice birashyamiranye. Harimwo abashaka kujya gukora ngo imyigaragambyo yo kwanga Selesitini MUTABARUKA uyobora Umushinga muri iki gihe. Nyamara kandi ibiri amambu, tubona MUTABARUKA Selesitini ariwe ukora imirimo ihwanye no muri iki gihe tugezemo. **Icya mbere**, niwe wagenzuye abanyereje umushinga, abanyereje imari y'umushinga CRÊTE ZAÏRE-NIL yaraberekanye kandi baramenyekanye, bamwe barafashwe barabihanirwa barafungwa, none bafunguwe barashaka gukora ngo imyigaragambyo ngo kugira ngo bafate ubutegetsi ku ngufu, babikesheje BAKUNDUKIZE Tarisisi. Twongeye kubasaba ko MUTABARUKA atari ukumuvugira, si na mwene wacu sa ntabwo ari Umunyagikongoro ahubwo n'U... munyamwendo wo ku Kibuye. Turabasaba ko muzaza mukareba ahantu MUTABARUKA yagejeje ibikorwa bye, kubaka amashuri y'abana ahitwa ku Rugeyo i Mitandara, ahitwa i Manje ho muri Segiteri Kanyege, ahitwa i Nyarwobo ho muri Komine Musebeya n'ahandi henshi amaze kuzuza amashuri y'abana. Akaba afite programme yo kwanga abantu ba barengera ishyamba kimeza, barikoreramo (inaudible).

*ORATEUR: KANYARUTOKI Jonas*

Jye... nitwa KANYARUTOKI Jonas, utuye Segiteri Mitandara Komine Muko Peregegitire Gikongoro, nkaba nongeye kwamagana nanjye nkomeje uriya Mututsi witwa BAKUNDUKIZE

Tarisisi, uriya Mututsi BAKUNDUKIZE ntabwo ashaka kuza kudutegeka gutegeka Umushinga n'abaturage bawuturiye, ahubwo we arashaka kugarura Ingoma ya Cyami nk'uko yabitwibwiriye kandi sibwo bwa mbere, nk'uko abikora muri PDAG i Kaduha akora. Nta Muhutu n'umwe bakorana, urugero ejo bundi aho yiriwe muri Bare eh... kuki ahantu ku Kimweti mu kabari kuko ni umuntu w'umusinzi nyine wirirwa mu kabari, eh... yiriwe avuga ko nta Muhutu n'umwe uzongera gukandagira aho ngaho muri CRÊTE ZAÏRE-NIL, kandi ibiri amambu nta Mututsi uhaba. Niyo y'ayo Komine Mu... sebeya eh... Amasegiteri yegereye uwo mushinga Komine Muko, eh Amasegiteri yegereye uwo mushinga Komine Gisovu, Amasegiteri yegereye uwo mushinga nta Mututsi uhaba ni Abahutu, ariko ati "nta Muhutu uzakora na nabo muri uwo mushinga". Akaba ariyo mpamvu nanjye nongeye gusaba... Ministre w'Ubuhinzi kutwumva, akurikije agasoma neza ibaruwa twamwandikiye abaturage baturiye uwo mushinga ibaruwa bamwandikiye yo ku wa cumi na gatanu, umuro oh... z'ukwa cumi na kumwe igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na gatatu twamagana uwo Tarisisi BAKUNDUKIZE. Abaturage ijana turasinya akongera akayisoma (silence... 5.8...5.9)

*ORATEUR: Non identifié*

Murumva Radiyo RTLM ivugira i Kigali, bibaye i saa moya n'iminota mirongo ine n'itanu muri Stidiyo zacu. Turamenyesha abatwumva turamenyesha abumva Radiyo RTLM ko ibyo Bwana NZAMURAMBAHO Ferederiko ashaka gukorera Bwana MUTABARUKA Selesitini Umuyobozi wemewe n'amategeko wa CRÊTE ZAÏRE-NIL, ari nk'ibyo Bwana RUGENERA Mariko Ministre w'Imari yari agiye gukorera NTIRUGIRIMBABAZI Diyonize.

Amakuru yacu rero tuyakomereje ku makuru, yerekeranye n'inama yabereye ejo muri Yuganda. Iyo nama yabaye muri Yuganda yahuje eh Inkotanyi, ihuza Inkotanyi eh... zi zi zari zakoreye inama kuri Stade bita... eh "Rugogo", iyo nama rero yari igamije gukusanya imfashanyo imfashanyo za... eh... zo gufasha FPR mu kubura imirwano mu minsi iri imbere. Amakuru yerekeranye n'iyo nama turayabagezaho mu kanya gato ku buryo burambuye. Gusa ikindi nashakaga kuvuga no none ni uko... tugarutse ku rupfu rwa Nyakwigendera GATABAZI Felesiyane, yishwe na nde? Ibimenyetso biboneka birafata nde? Twumve ikiganiro mu kanya turumva turumva ikiganiro GAHIGI Gaspard Rédacteur en Chef wa... RTLM yagiranye na... yagiranye na NKURUNZIZA Ananiya wanyuze hano, akaba yarahoze akora mu biro by'iperereza. Ndagira ngo rero turaza kumwumva mu kanya.

(Musique..8.3... 8.4)

... ivugira i Kigali, dufite i saa moya zirenzeho iminota mirongo ine n'umunani hano i Kigali. Tugarutse... gato ku makuru y'i Kampala, i Kampala umurwa mukuru w'igihugu cy'Ubuganda, haravugwa inama yahabereye ejo ku cyumweru tariki ya cumi n'eshatu Werurwe igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane. Iyo nama rero yabereye kuri Stade Rugogo, yari igamije gukusanya imfashanyo zose zigenewe gufasha FPR Inkotanyi mu ntambara bategura kubura. Tubibutse ko kwica abanyapolitike b'imena cyane cyane abatavuga rumwe biri muri gahunda za FPR Inkotanyi. Ikindi kandi kuryanisha uturere, kuryanisha amoko nabyo biri mu migambi y'Inkotanyi. Abanyarwanda benshi bazi ukuri kandi ni abagabo, birinde umutego w'umwanzi kuko atarava ku izima. Tugarutse ku rupfu rwa Nyakwigendera GATABAZI Felesiyane, yishwe na nde? Ibimenyetso biboneka birafata nde? Tuwumve ikiganiro Bwana GAHIGI Gaspard Rédacteur en Chef wa RTLM, yagiranye na NKURUNZIZA Ananiya anyuze hano. Uwo NKURUNZIZA Ananiya yahoze akora mu biro by'iperereza, ndagira ngo... mumukurikire.

*ORATEUR: GAHIGI Gaspard*

Kubera... ibikorwa by'ubwicanyi bikunze kugaragara muri iki gihugu cyane cyane byibasiye abanyapolitike, turagira ngo twibutse bimwe kubyo twari twaravuze ku... rupfu rwa Nyakwigendera Felesiyani GATABAZI. Twavuze ko abantu bishe GATABAZI, ibyo aribyo byose ni abari bazi aho yagiye kandi tubibutse ko bari bamutumiye mu nama ninjoro noneho yahindura avuye muri iyo nama, agasanga abagizi ba nabi bamutegeye hafi y'urugo rwe bakamuhitana. Ubwo rero uh twibukije ko hari inama utunama... tw'umwihariko tubera muri PRIMATURE, twari dusanzwe duhuza amashyaka yiyometse kuri FPR ariyo PSD, MDR TWAGIRAMUNGU noneho ubwo... muri icyo gihe mbere y'iyicwa rya GATABAZI Felesiyane, bakaba baramuheje muri utwo tunama twaberaga kwa Madamu UWIRINGIYIMANA Agata Ministre w'Intebe. Twibutsa kandi amagambo GATABAZI Felesiyane Nyakwigendera, yavugiye muri "Mitingi" i Butare yamagana FPR avuga ati "ntabwo twebwe twakwemera ko agatsiko k'abantu kaza ngo gafatane ubutegetsi mu gihugu", ati "nta n'ubwo kabishobora nk'uko mu Burundi batabishoboye". Twongera twibutsa amagambo yari yavugiye eh... Kayonza, igihe batahaga nyine... umu eh... amashanyarazi aga i Kayonza yerekeza i Kiziguro noneho akavuga... akamagana FPR, avuga ati "FPR ntikwiye kuzongera kutwangiriza ibikorwa bya kijyambere cyane cyane nk'amashanyarazi nk'uko yangije Ntaruka". Ibyo tukavuga ko bitigeze

K0141787

bishimisha FPR, ndetse n'amagambo yavugiye Butare ya... magana agatsiko k'abantu gashaka gufata ubutegetsi ku ngufu, twamenye ko hari abantu batelefonnye mu Burundi noneho bakavuga bati "ayo magambo GATABAZI Felesiyane avuze azayazira". Ubwo... twongera tuvuga Ikinyamakuru Impuruza cy'Inkotanyi, ibintu cyanditse kivuga kiti GATABAZI ni urugero ni prototype. Mbese ni urugero rw'Abahutu b'ibisambo bati "kuko ariwe wariye ibiryo by'impunzi, miri mirongo inani na kabiri ibihe zari zavuye i Bugande ziri i Gabiro". Ubu rero muri uyu mwanya nkaba ndi hamwe na NKURUNZIZA Ananiya, NKURUNZIZA Ananiya mbibutse ko ari umuntu wakoze mu biro by'iperereza by'u Rwanda, arambwira ati "rero GAHIGI kuri ibyo bimenyetso uvuga, ati hari ibindi nakongeraho byerekana ku buryo bwegereye ko abantu... bishe Nyakwigendera GATABAZI Felesiyane, ahubwo abakora ankete ibimenyetso bikaba byaba... tuma begerera hafi umuntu waba warahitanye Nyakwigendera... Felesiyane GATABAZI. Bwana... Ananiya ibimenyetso wowe ubona byegera birusha ibyo... navuga ko ari ibya rusange, ibimenyetso ubona byegereye byatuma abakora ankete abakora iperereza barushaho kwegera umubisha ni ibihe? NKURUNZIZA Ananiya.

*ORATEUR: NKURUNZIZA Ananiya*

Murakoze... Bwana GAHIGI, ndagira ngo nkubwire mbere yuko... nsa n'usubiza ikibazo... umbajije, mu by'ukuri nta n'igisubizo nakibonera bwite uretse gushakisha. Ubundi uwishe GATABA uwishe GATABAZI yari afite icyo agendereye, kuko iyo umuntu yica umunyapolitike ukomeye nk'uriya mu by'ukuri aba ashaka gushoza imvururu mu gihugu. Si n'umunyapolitike gusa, ni umuntu wese ukomeye ufitiye rubanda akamaro yaba umukinnyi w'umupira, yaba umucuranzi, yaba... undi muntu wese mbese umaze kuba icyamamare iyo umwishe abamukunda, igihugu cyose bacika umugongo. Urupfu rwa GATABAZI na rwo rero rwatunguye abantu, rurabatungura kandi ntawe rutarijije ntawe rutaciye umugongo n'ubwo abishi be batabuze na bo kwivanga mubo yababaje maze na bo bakarira ay'ingwe. Iyo urebye rero ku bimenyetso wavuze kandi usubiyemo kugira ngo abantu babyibuke, iyo urebye ibimenyetso wavuze ni byinshi n'ibindi bigaragara, umuntu akomeje kwibaza igituma bicecetswe bihwekereye bisa n'aho ari nta ki nta ari n'aho nta anke nta ankete zikorwa. Aha... wavuze... abantu bamuhamagaye iwe mu ma saa tatu bakamutelefona, nyakuri ni inde wamutelefonnye? Icyo kibazo ntawe uratubwira umuntu wa weguye telefone ngo amutelefone, kuko we ku bwo ku bwe bigaragara ko yari yageze mu rugo ndetse atagisohotse, na cyane cyane ko yari yabwiye umushoferi we yigendeye. Uwamutelefonnye rero, ntabwo yatelefonwe n'abantu benshi

yatelefonwe n'umuntu umwe. Uwo muntu wamutelefonnye ni inde? Ahaguruka iwe agiye... mu Ihoteli aho yasanze abo bantu bari mu ngirwa nama, muri ayo masaha yari yatinze mu by'ukuri bisa n'aho batari batangiranye bamwakiriye bate? Iyo nama yarimo ba nde? Aha nagira ngo... dukora ankete, icyo kibazo twakibaza. Dukora ankete nk'uko zasabwe... na Bureau Politique... ya... PSD ubwo iherutse guterana, dukora ankete abantu bari muri iyo nama bose bagombye kubazwa bakabazwa igihe batangiriye inama, bakabazwa icyo bigaga muri iyo nama, bakabazwa icyatumye badatangirana GATABAZI bakaza kumuhamagara ari uko iyo nama, nako iyo ngirwa nama irimbanyije. Batubwira ko... mu by'ukuri inama... bamuhamagariye yasaga n'aho yari irangiye ndetse umuntu yabona yuko bashakaga nko kumumenyesha ibyo bo bagezeho. Asohotse batubwira, ndagira ngo... uh no kubyemeza nk'uwari uhari, batubwira ko hari umuntu wamuherekeje mu bari muri iyo nama amugeza ku muryango kuri terrain y'Ihoteli, ngo bakomeza kuganirira aho ngaho basa n'aho bategereje amamodoka ari bubatware. Uwo muntu ni inde? Uwo muntu yarabajijwe? Nyuma y'aho, ababarebaga cyane cyane Abajandarume babarinda babonaga bavuga baranga amaboko, cyokora bigeze aho GATABAZI a aratsimbura aragenda n'abamuherekeje. Batubwira na none iki kibazo ndumva cyagombye gusubizwa... na Nyakubahwa... Ministre w'Intebe washizweho Bwana TWAGIRAMUNGU, ko na we agiye n'abamuherekeje bo muri cortège ye ngo bunamuka mu Kanogo hariya iruhande rwa Station ya essence SOPECYA, baba cyane cyane Abajandarume ba... muherekeje barumvise amasasu asa n'u n'avugira mu bitugu byabo. Ese aho... Nyakubahwa... Ministre w'Intebe washyizweho aya masasu na we yaba yarawu yarayumvise? Ko kugeza na n'ubu nta kintu aravuga kuri uru rupfu rwa GATABAZI uretse... amarira ngo yaba yarariye ku mva ye? Batubwira na none ko aho bagereye mu rugo eh... kwa Nyakubahwa Ministre w'Intebe washyizweho, Umujandarume yaba yarabwiye Madamu we ati "nyamara tugeze mu Kanogo, twumvise amasasu avuga uwatelefona kwa GATABAZI akumva ko ari amahoro". Aho ngaho batubwira ko uh... Madamu yaba yaratelefonnye ariko hirya kwa ba GATABAZI na ntihagire umwitaba. Ibyo se byo barabikurikiranye ngo bamenye ukuri kurimo niba koko byarabaye? Nyamara GAHIGI kugira ngo... eh hano tuze gukomeza kuganira, ndabona... kudakora ankete koko ku bintu nk'ibi bimaze iminsi biba ari ikosa rikomeye cyane. Ni ikosa rikomeye cyane kuko bibangamira ari... bariya bagize ibyago, uwaba uwabakoreye ririya shyano ntakurikiranwe ngo ahanwe kandi na none bikaba bishobora...

kubangamira aba (inaudible). Uzi ko... Nyakubahwa Ministre w'Intebe washyizweho ubu ngubu, yavuzwe mu rupfu rwa GAPYISI. Aravugwa, biracececka. Naba n'icyo gihe ho yagiye ahakana ngira ngo bitewe n'uko GAPYISI yari musanzire we, ariko n'ubu yaravuzwe atungwa agatoki na n'ubu ntacyo arasubiza. Ndagira ngo mbe mpagarariye aho ngaho (inaudible)

*ORATEUR: GAHIGI Gaspard*

Ibi bikorwa by'ubwicanyi ari, ... (Fin de la face A)

**FACE B**

*ORATEUR: GAHIGI Gaspard*

... nk'umunyamakuru KALISA, nka RWAMBUKA ubwo rero ejo bundi numvise n'ibya NSENGIYAREMYE ko hari abagizi ba nabi baba bari bagiye na we kumwivugana. Byo hari iperereza hari za "indices" hari icyo wabivugaho kuri ibyerekeye iyo attentat yo u... ku gushaka kwica... NSENGIYAREMYE Dismas?

*ORATEUR: NKURUNZIZA Ananiya*

Murakoze GAHIGI, iby'iyicwa ry'abanyapolitike muri iki gihugu ndabona rigiye kuba gikwira abantu rero bakanga bagaterana amagambo, aho kugira ngo ankete zikorwe. Ejo bundi aha niho Radiyo MUHABURA y'Inkotany igihe yavugaga ko Bureau Politique nk'uko nabivuze haruguru ya PSD yasabye ko haba iperereza ku rupfu rwa Nyakwigendera GATABAZI, Radiyo y'Inkotanyi yavuze ko izo ankete nta n'icyo zizamara, ko uwica abantu bo mu Rwanda ari umwe kandi ari wa wundi, ko kwirirwa bakora ankete ntacyo bimaze. Kuri ibyo byo kwa Docteur NSENGIYAREMYE na byo, Radiyo MUHABURA yahise ibisamira hejuru ivuga yuko aba abateye kwa NSENGIYAREMYE ari ba bandi. Aha rero nakwibaza na none nsimbutse gato, nakwibaza impamvu FPR yanga igatambama ikita ikitambika kuri za ankete zagakozwe. Ese aho yo niyo yayo ntabwo umuntu yayikeka? Na yo yavuzwe mu rupfu rwa Nyakwigendera GAPYISI. Ubwo... yari amaze iminsi yanditse ayamagana, mu ki cya Kinyamakuru bita... "FORUM PAIX ET DEMOCRATIE", cyarayamaganye avuga ko na we na yo atakwemera igite igite igitugu cyayo. Aho twahereye rero tunavuga, ni ku mihindukire y'ibintu. Umenya ibintu byarahindutse kuva... eh... basinya amasezerano ya Arusha ibintu byarahindutse. Birahinduka umenya... FPR yonyine ariyo itaramenya cyangwa itemera nkana ko ibyo bintu byahindutse. Ese dukurikije ibyo wavuze GATABAZI we yari akiri ku murongo umwe na FPR? Ese NSENGIYAREMYE we bamaze iminsi bamagana ngo ari muri MDR POWER, yari akivuga

rumwe na FPR? Yari akivuga rumwe na TWAGIRAMUNGU uwo nguwo tuvuga? Aho rero na none niho nagira ngo dushakishirize, mu by'ukuri ntabwo nkora ankete sibyo nshinzwe ariko ndumva ibi bintu bya ankete, n'ibindi nabyita imanza dufite zishingiye ku nkiko za Parquet zo gupererereza ndumva bijya gusa na za manza izo bita "urucabana". Kuki banga bakasibiranya izo ankete bakazitambikamo, bagatunga agatoki? Uribuka ko ku rupfu rwa Nyakubahwa Ministre GATABAZI, bwakeye mu gitondo cya kare FPR TWAGIRAMUNGU ndetse na NZAMURAMBAHO batunga agatoki bagatunga MRND. Muri icyo gihe nyamara umuntu... twumvise... muri radiyo y'Abongereza mu gitondo cya kare iryo shyano ryabaye wavugiraga umuryango wa Nyakwigendera, we yavugaga ati "abishe umuntu ntitubazi duteze iperereza". Abo rero uvuze ibyo bice uvuze uko ari bitatu, TWAGIRAMUNGU, INKOTANYI ndetse na NZAMURAMBAHO, bo baratanguranwa. Ese iryo perereza ryari ryarangiye? Aho niho nagira ngo ahari aho eh... no kukubaza kuko ntari nabonye igisubizo, (inaudible)

*ORATEUR: GAHIGI Gaspard*

Ahubwo... ahubwo Ananiya jye ari naragize icyo mbivugaho, mvuga ko umuntu uri mu rwego... rwa TWAGIRAMUNGU, umuntu uri mu rwego rwa politique nka NZAMURAMBAHO, noneho haba ubwicanyi nk'ubwo agahita... yitanga... inyangarashya akavuga ati "nu ni MRND", njye navuze ko kandi nta ankete zirakorwa, navuze ko ahubwo njyewe ndi Procureur Général nahita mufata nkamubaza agatanga ibimenyetso bigaragaza ko ari MRND koko yakoze ayo marorerwa, kuko igihe abyemeje ni ukuvuga ko aba abizi jye niko mbibona. Njye ni nka na naranabivuze mvuga ko ari uko byagenda kuko igihe dushakisha abantu bishe runaka umuntu akavuga ati "yishwe na runaka", njye namufata nkamubaza. Ahubwo... wavuze ikintu njye nagira ngo... tugarukeho ye... wavuze uti "GAPYISI bajya kumuhitana ni uko atabu atari akivuga rumwe na FPR atangiye kuyamagana muri rya shyirahamwe ryitwa FORUM PAIX ET DEMOCRATIE". GATABAZI nawe bajya kumuhitana, uzi ko yari amaze nyine kwamagana FPR ari i Kayonza, ari... eh... muri Mitingi nyine i Butare avuga ati "ntabwo twakwemera ko agatsiko k'abantu kaza ngo gafate ubutegetsi ku ngufu, ati no mu Burundi karabananiye". Na NSENGIYAREMYE bari bagiye kwivugana uravuga uti "mbese we ntiyari akivuga rumwe na FPR Inkotanyi? Koko ugasanga umuntu wigeze gusa nk'aho avuga rumwe cyangwa yarakoranye n'Inkotanyi mu banyapolitike cyane cyane ugasanga abo bantu nibo bakunze

kwibasirwa nibo bapfa, bikanyibuta ko bikanyibutsa ko FPR itiyita ishyaka yiyise umuryango ndetse hari... umuntu wambwiye ariko njye nta gihamya ndabona, ko FPR kwiyita umuryango umeze nk'umuryango uyu nguyu w'imandwa. Ugiyemo ngo... agasa nk'urahira, akarahira akavuga ati "nimbahemukira muzanyicishe igihano kiruta byose aricyo cyo gupfa". Noneho rero bakavuga bati "FPR ni Umuryango ni nk'imandwa, utakivuga rumwe nayo yararungurutseyo nyine ahani aba atatiye igihango, nuko agahanishwa igihano kiruta ibindi aricyo cyo gupfa. Ibyo bintu bya FPR by'Umuryango no kurahira uwinjiyemo noneho waba utakivuga rumwe na yo ikaba yaguhitana hari icyo wabu ubiziho ko wakoze mu bintu by'iperereza?

*ORATEUR: NKURUNZIZA Ananiya*

Aha... nkubwiye ko hari icyo mbiziho naba nkubeshye, na cyane cyane ko kugeza na magingo aya twemera nta gushidikanya ko abantu bo muri FPR ari bo bishe bariya bantu bo muri Sous-Préfecture ya Kirambo, barimo abana barimo abagore barimo abagabo barimo abakecuru, abo rero uko byagaragaye bari mu ishyaka ahanini rya MRND, niko kuvuga rero ko nta gihango bari bafitanye na... FPR. Gusa,

*ORATEUR: GAHIGI Gaspard*

Ariko ntaguciye mu ijambo ntago navuze abaturage navuze abanyapolitike.

*ORATEUR: NKURUNZIZA Ananiya*

Ye... aha rero nashakaga kuhagera... Bwana GAHIGI, gusa ejo bundi aha... ubwo bakoraga umunsi mukuru Inkotanyi imvururu zenda kuza ino aha, ziherekejwe na... ba basirikare bazo bararahiye mu by'ukuri kuko na Radiyo MUHABURA yabisubiyemo ivuga ko barahiye, barahiriye kutazahemukira Umuryango. Ntabwo ubwo bari baje baje kuba Abadepite, ubwo bari baje kuba Abaministre ntibigeze icyo gihe ku Mulindi barahirira ko batazahemukira igihugu, ahubwo barahiye ko batazahemukira Umuryango. Ibi rero umbwire uti "hari icyo waba ubiziho by'igihango bahana", ndetse... bamwe banambwiye ko ngo babaha intorezo iyo ibiti byanze bakayirumaho bikabananira, batu "uko kuruma iyi ndyankwi bibananiye ntimuzamene n'ibanga". Bene ibyo ngibyo rero ubundi koko mu miryango nk'iyo y'imandwa, ihanishwa... igihano kaminuza igihano cyo kwicwa. Aha rero ntabyemeje kuko ntabizi neza eh... ntawabura gukeka ko aba bantu cyane cyane bagiye bakorana na FPR, bakinjira amabanga yayo bakamenya uburyo ikora aba bantu nabo bafite icyago gikomeye, cyane cyane mu gihe bashaka kuyitarura nayo ikeka ko bazayivamo burundu. Kandi koko nta gushidikanya nko ku

byerekeye TWAGIRAMUNGU ko yakoranye n'Inkotanyi ndetse kuva n'intambara yarota, kuko ndibuka ko nkiyobora... Ikinyamakuru Inkera umuntu yandiye akara intambara ubwo yari iki yari ikirota, ati "TWAGIRAMUNGU yigeze kuzindukira muri Tanzaniya mu kwezi kwa gatandatu, arara muri Hoteli yo bita "ADJI" ayiraramo ari mu kubonana n'intumwa z'Inkotanyi. Izo ntumwa z'Inkotanyi ndetse bavuga yuko zari ziyobowe n'umuhungu wa RUKEBA witwa HADAKI. Icyo gihe... uzi ko ari bwo Ibinyamakuru byacu byari bikivuka, ndetse abenshi dufite... eh... no kugenda tunyomoza ibyo abantu batubwiye, ubwanjye nagiye kwishakira TWAGIRAMUNGU tubonana binduhije ariko turabonana mubaza koko niba yarabonanye n'iyo délegation y'Inkotanyi. Yarabinyemereye mubajije icyo bavuganye arakimpisha. Aho ngaho rero eh nta gushidikanya ko yacamatanye n'Inkotanyi kuva kare kose, na n'ubu ibyo TWAGIRAMUNGU akora akenshi na kenshi usanga atariwe ubyikorera jye niko nkeka niko mbona. A... usanga mu byemezo afata asa n'u n'umuri inyuma, asa n'umufatira akifata, amananiza azana usanga asa n'umubwiye ati "nangira" ibyo bita kunangira, aho rero nagira ngo uh nse n'utera mu ryawe ariko mu buryo butari ubwo kwemeza, ko bishoboka koko ko aba ba... nyapolitike cyane cyane bakoranye n'Inkotanyi kugira ngo bazitarure nazo zidashobora kubababarira, na cyane cyane ko bitabujijwe ko baba barariye n'amafaranga yazo. Nshuti mutwumva rero ngira ngo twahagarikira aha, nkagira ngo... nshimire Ananiya ariko kugira ngo dusoze, nongere... mbumvishe amagambo ya Grégoire KAYIBANDA yavuze igihe yabwiraga nyine avuga mu gihe mu bihe bimeze nk'ibi, avuga urutegereje cyangwa abantu bakorana n'Inkotanyi cyangwa eh icyo gihe yavugaga Inyenzi ntago ari Inkotanyi ariko rero Inyenzi nizo Nkotanyi (arasetse) ni kimwe ubwo rero igihe... KAYIBANDA yavugaga ati, ati "abantu bafatanyije n'Inkotanyi cyangwa bafi n'Inyenzi cyangwa bafite imyitwarire imeze gutya, ati dore abo aribo dore urubategereje, nkagira ngo nongere mbumvishe amagambo nyine ya Grégoire KAYIBANDA ariko uyavuga akaba ari MUREGO Donati. Ubwo rero nyine abafatanya n'Inkotanyi muramenye urubategereje.

*ORATEUR: MUREGO Donati*

Muri ibi bihe bikomeye ndarangiza mbibutsa aya magambo y'umurwanashyaka w'imena Perezida Geregori KAYIBANDA akwiye kuzirikanwa. Ati "igihe mutazumvikana ngo mufatane urunana muzaba muha Inyenzi inzira", (bavardages du public... 12.0... 13.2)

Nyakubahwa Perezida KAYIBANDA ati "igihe mutazumvikana ngo mufatane urunana muzaba muha Inyenzi inzira, (bavardages... 13.4... 13.5)

Igihe... arakomeza agira ati "igihe hari n'umwe muri mwe udindiza cyangwa umunga demokarasi ni ugufasha Inyenzi. Ati "igihe hari uwashukwa akagurwa akaba igisahiranda cyangwa agaharanira ikuzo ry'izina rye, azaba yinjira muri programme y'Inyenzi". (bavardages... 14.0... 14.3)

Arakomeza... agira ati "igihe wataye akamaro k'abaturage ugasigara ushaka agakipe kawe ko kugufasha kurwanira inda n'umwanya wawe, uzaba uri Inyenzi byeruye. (Bavardages... 14.5... 14.8)

Nyakubahwa Nyakubahwa Perezida KAYIBANDA akongeraho agira ati, "igihe uzikorera umuturage ari ukubera gusa ko atari mu gakipu kawe, uzaba werekana ko ikigu ikiguharanya atari Repubulika n'abaturage bayo, ahubwo ari ikuzo ryawe n'inda yawe gusa uharanira cyangwa se umwanya wawe". (bavardages... 15.3... 15.4)

*ORATEUR: non identifié*

Radiyo yacu ivugira i Kigali, dufite i saa mbili zirenzeho iminota cumi n'itatu. Amakuru twari twabateguriye muri uyu mugoroba ni aha agarukiye, gusa uko amakuru ashyushye agenda atugeraho niko tuyababwira. Mu kanya rero Rédacteur en Chef eh... aragaruka hano muri Stidiyo abagezeho irushanwa ryateguwe n'ubuyobozi bukuru bw'Ikinyamakuru Kangura, nyuma yaho umwanya n'uboneka turashobora kubasomera amatangazo, n'utaboneka turaha umwanya Abafaransa nabo babagezeho amakuru ashyushye nayiboneye arashyushye ndetse navuga ngo ni umuriro.

*ORATEUR: GAHIGI Gaspard*

... yigenga, tukaba dufite... saa mbili n'iminota cumi n'itanu muri Stidiyo zacu. Nshuti mutwumva rero irushanwa RTLM yari yateguye ku byerekeye ibidukikije, itariki yo kwakira amabaruwa yarageze byari tariki cumi n'ebyiri Werurwe uyu mwaka hari ku wa gatandatu, ubu rero nta baruwa tucyakira uretse izanyuze mu iposita noneho tukareba niba zarashizwe mu iposita nyine mbere y'itariki cumi n'ebyiri Werurwe. Amabaruwa aracyaza ariko nkagira ngo mbamenyeshe ko twabonye amabaruwa menshi, menshi tudashobora kumenya umubare ariko ni menshi koko. Ni menshi koko ubu ntiturayabarura igihe tuzayabarurira nyine muzi ko hari n'ikibazo nari nabajije, nti uzavuga umubare wa nyawe wenda aha aba mbere babaye nka babiri ubwo azarusha abandi amanota. Abantu rero baryitabiriye ari benshi, ugasanga barashaka muri za bibliothèques hose bashaka ibyo bibazo babazanya, ndetse bageze aho batesha umutwe abakozi ba ORTPN, bati "mutubwire ibibazo

byerekeye Parc National noneho ORTPN ibuze uko ibigenza, iherako ii imanika ibisubizo byerekeye Parc National. Ubwo urumva ko Abanyakigali ba... gize amahirwe kurusha abo mu cyaro batashoboye kugera i Kigali, ariko ntacyo bitwaye ubwo tuzareba nyine natwe dukurikije uko byagenze, ORTPN nayo nta kundi yari kubigenza, ariko byerekanye ko RTLM koko yumvwa n'abantu benshi byerekana kandi ko RTLM ikunzwe. Irakunzwe kuko abantu baduhaye ibihembo ni benshi, ni benshi ibihembo ni byinshi, byinshi ibya mbere nabibagejejeho mu mwanya ndabagezaho n'ibindi, ibihembo rero ni byinshi kandi nagira ngo mbabwire ko ari rurangiza. Ntabwo nsubira rero mu byo ah... twari twavuze mbere, ahubwo gusa ndaza kuvuga ibyaje nyuma kandi kubera ko twabonye amabaruwa menshi menshi, nkaba... nasaba abagiraneza gukomeza kudutera inkunga eh SULFO yanyemereye ku... zantera inkunga ubwo nzajya kuyireba, ariko abandi badutera inkunga mbese njye nk'inkunga navuga yihutirwa, ni nko kugira ngo tubarure, dufungure dukosore ariya mabaruwa. Ni menshi cyane ni menshi cyane, agomba kuba atiri munsi y'ibihumbi bitandatu icumi, ni menshi cyane ntabwo turayabarura ariko ni menshi cyane. Ubwo rero nakoze... nakoresheje irushanwa ngira ngo ibintu biroroshye, none ibintu bitangiye kundenga ahubwo nkumva na... saba inkunga nka ORTPN, nasaba inkunga n'abandi bantu b'abagira neza, ese mama nzategereza ko ibiruhuko biza nsabe abanyeshuri bamfashe kubikosora? Ese mama ORTPN... nayisaba ikantera inkunga ku bantu bamfasha? Ese ma na njye ubu ibintu biracyambera urujijo ariko ubwo ndabitekerezaho wenda... Imana izampa umugisha mbone igisubizo, ariko ibyo aribyo byose igisubizo kizaboneka vuba ndetse ejo dufite akanama n'abantu ba ORTPN na PROJET ENVIRONNEMENT, kugira ngo twige icyo kibazo uko twakibonera umuti. Nkagira ngo rero mu gihe nababwiraga ORTPN nyisaba n'inkunga ku byerekeye gukosora, ubwo... nzabi... bwira Directeur wa ORTPN arebe ukuntu yamfasha kuko ni ibintu bikomeye cyane. Mbabwire ko (arakoroye) ORTPN yampaye ibihembo bya rurangiza. Yaravuze rero iti "Bwana GAHIGI rwose twishimiye irushanwa wakoresheje ku bidukikije, cyane cyane ko watuvugiye ibya Parc y'Akagera bati "none icumi ba mbere, icumi ba mbere tuzabatembereza muri Parc National y'Akagera dushake imodoka, pique-nique (picnic noneho ibyo mwavugaga mutarabibona izo nyamanswa nababajine iki, noneho mugende mwirebere Parc y'Akagera, icumi ba mbere rero **ORTPN izabajyana gusura Parc** National y'Akagera. Ikindi **gihembo cya kabiri** ORTPN yatanze, abazaba bari mu ba gatanu ba mbere, abazaba bari mu ba

gatanu ba mbere uwa mbere azahabwa ibihumbi bitanu, amafaranga ibihumbi bitanu y'u Rwanda. Uwa kabiri bine, uwa gatatu bitatu, uwa kane bibiri, uwa gatanu igihumbi icyo ni igihembo cya kabiri cya ORTPN. **Igihembo cya gatatu** cya ORTPN. Uzaba uwa mbere muri buri Perefegitura azahabwa bon, i yo kunywa cyangwa iyo kurya y'amafaranga igihumbi noneho akarira mw'Ihoteli ya ORTPN iri muri Perefegitura ye. Mbese urebye ubwo ni amafaranga igihumbi ku bantu cumi, n'umwe cumi dufite Perefegitire cumi n'umwe n'imwe ubwo ni ukuvuga ko ORTPN kuri abo bantu bazaba aba mbere muri muri Perefegitura yabo, bazabona bose Amaperefegitura ibihumbi cumi na kimwe ni ukuvuga igihumbi kuri bu kuri buri muntu, hanyuma **igihembo cya kane** cya ORTPN, iduhaye ibitabo bibiri iduhaye ibitabo bibiri ibyi byitwa "AKAGERA L'EAU, L'HERBE ET LE FEU" byanditswe na Bwana Vand WERGUE. Van de Wege. Ubwo sinzi niba mbivuze neza agomba kuba ari Umufarama, ubwo rero ba... tuzabona n'ibyo bitabo bibiri tuzabigenera abandi bazaba batsinze. Hanyuma, eh... ORTPN ikavuga iti "eh... nawe GAHIGI woruganije wakoresheje irushanwa tuzaguha za documents, eh... zivuga nyine ibya ORTPN nkaba mbaye mbashimiye. Ubwo rero uko concours yagenze, ahasigaye ni ugukosora. Hari ibindi bihembo rero, hari ibindi bihembo byaje ngira ngo mbagezeho. Mumbabarire gatoya ibindi bihembo ni iby'umuririmbyi muzi uririmba ibidukikije uzwi cyane, indirimbo ze ziri no mu ma filime witwa MASABO NYANGEZI. Ati "GAHIGI rero nkuhaye cassette eshanu, imwe ivuga ibirunga, indi ivuga ubukerarugendo, indi ivuga ibya tropique volume cinq, mbese guhera kuri volume ya mbere, eh... eh volume ayi... azatanga volume ya mbere ivuga ibirunga, volume ya gatatu ivuga ubukerarugendo, volume ya gatanu i... iri... yitwa Tropique iriho eh... indirimbo z'Igifaransa n'indirimbo ziri za instrumentales zicuranze mu byuma, eh... abahe atange volume ya karindwi yitwa KARAME, iriho Gikongoro iriho Serafina, atange volume ya munani yitwa iriho Kavukire, iriho... Mayaga iriho Gatagara, iriho ku Bitaro, iriho Umutima nama. Hanyuma MASABO akavuga ko yibutsa abantu ko cassettes ze nyine uko ari umunani iya cyenda ikaba iri hafi kuboneka, ko ziricuruzwa gusa na "Music Fabric" ubwo rero mwayigana, ariko nkabamenyesha ko atwamereye inkunga za cassettes eshanu, ariko MASABO akavuga ati "nanjye RTLM reka nkusabe inkunga, dufashe kubwira abantu ko uburenganzira bw'umuhanzi mu Rwanda ari ikintu kigomba guhabwa agaciro". Ati kandi "utubarize Radiyo MUHABURA iyo idukoreshereza indirimbo nta masezerano kandi hari itegeko rigenga nyine iby'abahanzi, ryo ku itariki cumi n'eshanu uh... zu z'ukwezi kwa cumi na kumwe mirongo inani na gatatu", ati "ibyo bintu ni ibiki"? Ati muzatubarize

K0141796



Radiyo MUHABURA, igituma idukoreshereza indirimbo tutaziyihaye". Ikindi gihembo, ikindi gihembo njyewe mbona ari rurangiza ku bana, ku bana hari igihembo cya rurangiza. Icumi ba mbere, abana icumi batarengeje imyaka cumi n'ine bazajye mu icumi ba mbere, bazahabwa igihembo cyo kujya bandikirana n'abana bo muri Amerika, ndetse bakaba bohereza za cadeaux, bakaba babohereza tickets zo kugira ngo nyine bajye gusura Amerika, barebe ibidukikije byaho uko bimeze. Ubwo rero abana bazaba aba mbere mu icumi ba mbere, bafite ibihembo nakwita rurangiza kujya bandikirana n'abana bo muri Amerika, kandi abo bana ba se ngo bakaba bemera ko bajya babaha na za tickets na za cadeaux noneho bakajya bandikirana n'abo bana. Abo bana mbese amabaruwa yabo ndayafite hano, mfite akabaruwa kamwe ndagira ngo nkabandikire nka... basomere noneho mwumve abo bana nyine icyo bavuga. Umwana umwe witwa Bernard arandika ati "Hello my name is Bernard. Can you talk about animals.Do you like animals well? Let is talk about it? What kind of animal do you like? Do you like a dog well? I like a dog and a cat. You like a porc?

Uwo mwana rero aravuga ati Izina ryanjye ni Berenari, ati se ati tushaka kuganira ku byerekeye iby'inyamaswa? Ati ni byo. Ati ukunda se inyamanswa? Ati noneho reka tuziganireho. Ati ukunda izihe nyamanswa? Ati ese ukunda imbwa? Ati wi ati... ati niba rero ati ati jyewe nkunda imbwa ati nkakunda n'injangwe. Ati ese ukunda ingurube? Ati ça va ati njye nkunda n'ingurube. Nuko umwana agasezera ati nitwa Berenard.

Undi arandika ati "Dear friend", ati "I have (inaudible) to Africa but I was love to go. What is your name? My my name is Catherine. Africa must be very exciting if or does animals lions tigers and gorillas.

Uwo mwana rero ati Nshuti yanjye, ati njye ntabwo ndigera ngera muri Afurika, ati ariko nifuzaga kuhagera. Ati izina ryawe se ni irihe? Ati njyewe nitwa Katarina, ati Afurika igomba kuba ari igitangaza ari Iribagiza, ati n'izo nyamaswa zose ziyirimo, ati nk'intare,tigre na za goriye.

Ngabo rero abana bashaka kuzandikirana n'abandi, noneho bakajya bajya nyine eh... muri Amerika bagahana na za cadeaux.

Nkagira ngo rero muri uyu mwanya noneho mbagezeho irushanwa ry'Ikinyamakuru Kangura, Ikinyamakuru Kangura mbagezeho irushanwa ryacyo kuko iminota iransiga kuko Abafaransa ngomba kubaha umwanya, nkagirango rero mbabwire ko mutirirwa mufata amakaramu kuko (arakoroye)

ibibazo ngiye kubagezaho biri muri Kangura, muzabibona ejo muri Kangura nimero mirongo itanu n'umunani (N° 58) izasohoka, ariko nkaba ngira ngo mbabwire ko ibyo bibazo rero ntimwirirwe mwi... muvuga muti "urabisoma wihuta" muzabibona ejo muri Kangura nimero mirongo itanu n'umunani izaba iri ku isoko. Dore rero ibihembo ndetse Kangura yababoneye ifatanyije n'abayikunda noneho ibyo bihembo bikaba ari ibi. Uzaba uwa mbere azahabwa ibihumbi makumyabiri na bitanu. Uwa kabiri ahabwe ibihumbi cumi na bitanu. Uwa gatatu ahabwe ticket y'indege Kigali-Bujumbura-Kigali. Uwa kane ahabwe ticket y'indege Kigali-Gisenyi-Kigali. Uwa gatanu ahabwe radiyo. Uwa gatandatu ahabwe imiguru itatu y'inkweto. Uwa karindwi ahabwe isaha. Uwa munani ahabwe ibiro ijana by'ibirayi n'amagi ijana n'igitenge, ahubwo ndabona afite ibihembo bya rurangiza. Uzaba uwa cyenda azahabwa imitaka ibiri na essuie-main bihenda. Uzaba uwa cumi azahabwa ipaki y'impapuro wongeyeho amakaye umunyeshuri yakoresha umwaka wose.

Ikitonderwa rero iri rushanwa riramutse ritsinzwe n'umunyeshuri wiga mu Rwanda mu mashuri abanza cyangwa yisumbuye, Kangura izahita imurihira ako kanya minérval y'umwaka wose. Kubera ibihembo rero bishobora kwiyongera, abagira neza biyemeje kuzaduhembera abazatsinda, ibihembo bizongerwa ku bazaba batsindiye iriya myanya, aho umunyeshuri azajya anganya n'undi utari we Kangura izajya imwongereraho agahimbazamuskyi. Ahazajya haboneka umukobwa watsinze hiyongereho amavuta n'amasabune yo kwisiga. Ibihembo rero nyine eh... ni cumi na kimwe, kandi buri kibazo gifite amanota abiri usibye ikibazo eh... cya gatatu kizabona amanota atatu. Ikibazo cya gatanu gifite inota rimwe usibye ko twongeyeho ikibazo cy'amatsiko gishobora kugoboka abazaba bishe bine mu bibazo bya mbere. Tuboneyeho no kubasaba kutugezaho ibyo mutekereza ku bikorera ku ba... ku mikorere ya RTLM. Ubwo ibyo rero eh... nagira ngo mbamenyeshe ko ibyo bibazo muzabibona muri Kangura ejo, ejo bikaba biri muri nimero mirongo itanu n'umunani (N° 58). Noneho ibyo bibazo bizaza muri nimero eshatu za Kangura, hari mirongo itanu n'umunani, mirongo itanu n'icyenda, mirongo itandatu. Ibisubizo rero bizoherezwa kuri RTLM agasanduka k'iposita makumyabiri n'icyenda mirongo ine n'umunani. Hanyuma kuko mbona isaha yegereje, ubwo ngiye guha umwanya abavuga amakuru mu Gifaransa, noneho ibibazo ndabibasomera mu kanya. Murakoze

K0141798

*ORATEUR: Georges*

… (inaudible) minutes à Kigali, bonsoir chers auditeurs qui nous écoutez partout le Rwanda ah bonsoir particulier aujourd'hui à tous les empoyés de l'Etat, dont certains malheureusement n'ont pas encore été payés. Et tout de suite les titres de nos informations du soir, bonsoir Perpétue?

*ORATEUR: Perpétue*

Bonsoir Georges, bonsoir à vous tous chers auditeurs.

KAVARUGANDA cherche tout les pretextes pour empêcher la CDR de signer les trois exemplaires de Code éthique politique déposés à la Cour constitutionnelle,

**Fin de la cassette.**